# ITANGAZO RYO GUTANGA INGURUBE ZIZAHABWA ABAFATANYABIKORWA BATERWA INKUNGA N'UMUSHINGA EU KUNGAHARA USHYIRWA MU BIKORWA NA ASSOCIATION MWANA UKUNDWA KU BUFATANYE NA TEARFUND-RWANDA, BO MU TURERE TWA GISAGARA NA NYARUGURU

Association Mwana Ukundwa (AMU) ku bufatanye na Tearfund-Rwanda, mu mushinga EU Kungahara ukorera mu karere ka Gisagara na Nyaruguru; irifuza gutanga isoko ryo gutanga ingurube z'ubwoko bw'imvange ya Landrace n'inyarwanda ku gipimo cya 50% (z'amashashi); zo guha abafatanyabikorwa babarizwa mu mirenge 14 ikoreramo umushinga EU Kungahara. Izo ngurube zizahabwa ingo ijana na mirongo itanu (150HHs).

Ingurube zose hamwe ni ijana na mirongo itanu (150 Pigs); muri zo, mirongo irindwi n'enye (74 pigs) zizatangwa mu mirenge itandatu yo mu karere ka Gisagara ariyo: Kansi, Kigembe, Mugombwa, Musha, Ndora na Save; naho izisigaye mirongo irindwi n'esheshatu (76 pigs) zitangwe mu karere ka Nyaruguru mu mirenge ya Busanze, Cyahinda, Kivu, Mata, Muganza, Munini, Nyabimata na Ruramba.

***Imbonerahamwe igaragaza umubare w'ingurube zikenewe n'imirenge zizatangwamo***

| # | District | Sector | Umubare w' ingurube muri buri murenge |
|---|---|---|---|
| 1 | Gisagara | Kansi | 15 |
| 2 | Gisagara | Kigembe | 6 |
| 3 | Gisagara | Mugombwa | 18 |
| 4 | Gisagara | Musha | 6 |
| 5 | Gisagara | Ndora | 12 |
| 6 | Gisagara | Save | 17 |
| 7 | Nyaruguru | Busanze | 10 |
| 8 | Nyaruguru | Cyahinda | 10 |
| 9 | Nyaruguru | Kivu | 9 |
| 10 | Nyaruguru | Mata | 9 |

| # | District | Sector | Umubare w' ingurube muri buri murenge |
|---|---|---|---|
| 11 | Nyaruguru | Muganza | 8 |
| 12 | Nyaruguru | Munini | 9 |
| 13 | Nyaruguru | Nyabimata | 9 |
| 14 | Nyaruguru | Ruramba | 12 |
| | **Total** | | **150** |

**Abifuza gupiganira iri soko ryo kugura no gutanga ingurube barasabwa ibi bikurikira;**

- Ibaruwa isaba isoko yandikiwe Umuyobozi mukuru wa Association Mwana Ukundwa.
- Kuba ari Company, cooperative cyangwa umuntu ku giti cye ifite/afite icyangombwa gitangwa na RDB kimwemerera gukora imirimo ibyara inyungu (RDB registration certificate)
- Proforma igaragaza ibiciro kuri buri ngurube n'ibisobanuro bihagije ku ngurube azatanga
- Kuba company /Cooperative/Umuntu ku giti cye; ifite/afite icyangombwa gitangwa na bank kigaragaza konti kandi ikora.
- Kuba afite icyangombwa cyerekana ko nta mwenda abereyemo RRA na RSSB kugeza ku munsi isoko rizafungurirwa.
- Kuba afite Cachet
- Kuba afite icyangombwa kigaragaza ko atanga facture ya EBM ndetse n'aho aheruka kuyitangira mu gihe cy'amezi atandatu uhereye kw'itariki itangazo ritangiweho.
- Kugaragaza mu nyandiko ko azishyurwa hakoreshejwe Payment order (OP)
- Kuba asanzwe akora umurimo wo kugura no gutanga amatungo bigaragazwa n'inyandiko yerekana ko yakoze isoko risa nkiri.
- Fotokopi y'indangamuntu/icyemezo gisimbura indangamuntu ya nyiri company/uhagarariye Cooperative mu buryo bwemewe n'amategeko, cyangwa iy'umuntu ku giti cye

**ICYITONDERWA:**

**1. Uburyo bwo gutoranya ingurube**

Uwatsindiye isoko azakusanyiriza ahantu hamwe ingurube z'amashashi azikuye mu karere ingurube zizatangirwamo, hanyuma abimenyeshe Association Mwana Ukundwa mu nyandiko, asaba kohereza itsinda ry'abatekinisiye bo ku rwego rw'Akarere na RAB. Ibi agomba kubikora bitarenze iminsi icumi (10 days) uhereye ku itariki yakiriye ibaruwa imumenyesha ko yatsindiye isoko.

Nyuma yo kubimenyeshwa, Association Mwana Ukundwa izandikira Akarere isaba ko kohererezwa itsinda ry'abatekinisiye bazaza gukora ibikorwa birimo gutoranya ingurube, kuzambika amaherena ndetse no gufata amaraso yazo. Ibi bikorwa nibimara kurangira, rwiyemezamirimo azahita ajyana ayo maraso gupimwa muri RAB, hanyuma azane ibisubizo by'ibizamini by'amaraso byerekana niba buri ngurube ari nzima. Ibyavuye mu bipimo azabisangiza Akarere na Association Mwana Ukundwa, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7days).

Nyuma yo kubona ayo makuru, Association Mwana Ukundwa izategura gahunda y'itangwa ry'izo ngurube (Calendrier de distribution), izagaragaza itariki zizatangirwaho, aho zizatangirwa (site), n'itsinda rizakira amatungo ku rwego rw'umurenge. Iryo tsinda rikazaba rigizwe na Project Officer, Veterineri w'umurenge, CFs hamwe n'abafatanyabikorwa bagomba guhabwa ingurube; ibyo bikazakorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5 days).

Rwiyemezamirimo ni we uzaba ashinzwe kwishyura ibijyanye no kwambika amaherena ingurube, gupimisha amaraso yazo, ndetse no kuzikura aho zakusanyirijwe akazigeza ku mirenge abafatanyabikorwa babarizwamo.

**2. Umubare w'ingurube**

Uwatsindiye isoko agomba gutanga umubare w'ingurube ijana na mirongo itanu (150 Pigs) nk'uko byasabwe mu masezerano.

**3. Ubwoko bw'ingurube**

Ingurube zigomba kuba ari imvange ya Landrace n'inyarwanda ku gipimo cya 50% (z'amashashi)

**4. Imyaka n'ibiro**

Ingurube zizakirwa zigomba kuba zifite nibura amezi atatu (3) y'amavuko, zifite igikuriro cyiza, zifite ibiro hagati ya 18 na 20 kg, kandi zidafite inenge zigaragara cyangwa ubumuga ku mubiri.

**5. Ubwishingizi mu buzima**

Ingurube zizakirwa zigomba kuba zifite ubwishingizi bwo kwivuza bumara umwaka umwe (1Year), bwishyuwe n'uwatsindiye isoko.

**6. Iranga-bikoko ry'ingurube**

Buri ngurube igomba kugira akamenyetso kagaragara ku gutwi (iherena-ear tag).

**7. Imicungire y'ubuzima bw'ingurube**

a. Buri ngurube igomba kuba iherekejwe n'icyemezo cy'ibizamini bya laboratwari gitangwa na RAB hamwe n'icyemezo cy'uko yafashweho amaraso (blood sample).
b. Ingurube zigomba kuva mu turere twemewe ko tutanduye indwara nka ***"African Swine Fever"*** na***"Rouget du Porc"***.

c. Buri ngurube igomba gusuzumwa mbere yo gutangwa, kandi igatangwa nta bimenyetso by`indwara zandura cyangwa izandurira hanze, ndetse ikaba itarwaye ibyonnyi byo ku ruhu.
d. Uwatsindiye isoko agomba gusimbuza ingurube iyo ari yo yose yapfuye cyangwa igaragaje ibimenyetso by`indwara mu gihe kitarenze iminsi 14 nyuma yo kuyitanga.

**8. Gutwara ingurube**

Ingurube zigomba gutwarwa mu modoka zujuje ibisabwa n'amategeko y'u Rwanda mu bijyanye n'ubwikorezi bw`amatungo.

**9. Kwakira ingurube**

Nibura umuganga w`amatungo umwe (veterinaire w`umurenge) agomba kuba ahari mu itsinda ryo kwakira no gutoranya ingurube kugira ngo yemeze ko zose zujuje ibisabwa by'ubuziranenge n`ubuzima. Umubare w`ingurube uzakirwa, ni ingurube nzima kandi kandi wagejejwe kuri site zizatangirwaho.

**10.** Uwatsindiye isoko agomba kuba yiteguye guhita aritangira.

**11.** Upiganira iri soko agomba gutanga igiciro gikubiyemo umusoro wa Rwanda Revenue Authority (RRA).

Abujuje ibisabwa muri iri tangazo, barashishikarizwa kuzageza amabaruwa afunze arimo ibyangombwa byose byasabwe ku biro bya Association Mwana Ukundwa biri mu karere ka Huye, kw`i Taba, ku wa gatanu tariki 08/08/2025 saa yine za mugitondo (10h00) ari nawo munsi wo gufungura amabaruwa ku mugaragaro.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara telefoni igendanwa ifite nomero 0788508408 / 0788830927 / 0788530061

Bikorewe Huye kuwa 24/07/2025

Dr Samuel Byiringiro
AMU-Executive Director